FOREVER TVET INSTITUTE
Email: forevertvetinstitute@gmail.com Tel: +250 786997719

# ITANGAZO RY'AMAHUGURWA Y'IGIHE GITO

Ku bufatanye n'**Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubwikorezi (RTDA)** binyujijwe mu mushinga wa **Rwanda Emergency Connectivity Restoration Project (RECOR)** uterwa inkunga na **Banki y'Isi** hamwe n'**Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Amasomo ya Tekiniki, Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB)**, **Ishuri rya FOREVER TVET INSTITUTE** riramenyesha urubyiruko rw'abakobwa babyifuza ko rigiye gutanga **amahugurwa y'igihe gito mu ishami ryo gutwara no gusana imashini zikoreshwa mu kubaka imihanda**.

Abanyeshuri bazatoranywa bazishyurirwa amafaranga yose y'amahugurwa azamara igihe cy'amezi ane (4).

**ABIFUZA KWIYANDIKISHA BAGOMBA KUBA BUJUJE IBI BIKURIKIRA**:

- Ibaruwa isaba kwemererwa kwiga (*Motivation Letter*) yandikiwe Umuyobozi w'Ishuri, igaragaza ubushake n'intego afite muri uyu mwuga
- Fotokopi y'Indangamuntu
- Fotokopi y'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga (urw'agateganyo cyangwa urwa burundu)
- Icyemezo cy'uko yarangije nibura icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (*Tronc Commun*)
- Kuba afite imyaka nibura **20** kandi itarengeje **35**

Abiyandikisha bazohereza ibyangombwa byabo kuri forevertvetinstitute@gmail.com, guhera ku wa kane tariki ya 29 Mutarama 2026 kugeza ku wa gatandatu tariki ya 31 Mutarama 2026, i saa kumi n'imwe z'umugoroba (5:00 PM).

**ICYITONDERWA**

- Hazatoranywa **abakobwa 16 gusa**, hashingiwe kubohereje ibyangombwa byuzuye kuri email mbere y'abandi.
- Amahugurwa azamara **amezi ane (4)**, atangwa **kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu** mu masaha y'akazi
- Abazatoranywa bazahabwa ibi bikurikira:
    - Icumbi ku kigo cya Forever TVET Institute;
    - Amafranga azabafasha mu gihe cyo kwiga;
    - Certificat bazahabwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Amasomo ya Tekiniki, Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB)
    - Gukorera ikizamini cya burundu cyo mu rwego rwa F (Category F).

☎ Ukeneye ibindi bisobanuro mu masaha y'akazi wahamagara kuri: Mr. Narcisse IZABAYO Head Teacher (Forever TVET Institute) +250 783 188 008/ Mr. Eugene KARANGANWA Director of Studies (Forever TVET Institute) +250 788 816 249

Bikorewe i Gasabo, kuwa 27 Mutarama 2026

**LU FENGZHEN**
**Umuyobozi Mukuru w'Ishuri**
**FOREVER TVET INSTITUTE**

鲁凤珍

FOREVER TVET INSTITUTE
RWANDA